Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Kamonyi

# “NEWSLETTER” KANAMA 2025

## “MWIRINDE GUTWARA MWANYOYE KUKO NTABWO MOTO IBANGIKANA N’INZOGA” CSP VICENT B. HABINTWARI

Umuyobozi muri Polisi mu ishami rishinzwe imikoresheze y’umuhanda (traffic Police) Chief Supertendant Vicent Habintwari yasabye abamotari kwirinda gutwara banyoye inzoga, kuko gutwara ikinyabiziga bibujijwe rwose igihe wanyoye. Ibi yabitangaje kuri uyu wa gatatu tariki ya 27 Kanama 2025 muri gare ya Bishenyi, ubwo abamotari bagera muri 300 bari baje gukurikira ubutumwa bwa Polisi muri gahunda ya Gerayo amahoro.

Ni ubukangurambaga kuri gahunda bwateguwe ku bufatanye bw’Akarere na Polisi y’Igihugu, hagamijwe gukumira impanuka zikorerwa mu muhanda, kandi ahanini bikaba byaragaragaye ko ziterwa n’imiyoborere mibi y’ibinyabizi cyane cyane abamotari nubwo n’ibindi binyabiziga byose biteza impanuka ariko moto n’amagare ngo nibyo biza ku isonga nkuko raporo zibigaragaza.

Chief Supertendant Vicent Habintwari yasabye abamotari kuzirikana ko umuhanda kuwujyamo n’ikinyabiziga bisaba kuba uzi gutwara ikinyabiziga kandi ufite uruhushya rutangwa na Polisi rubikwemerera. Yagize ati:” birababaje kubona umuntu agenda akatakata hagati y’amamodoka nkaho atazi ko ari gushyira ubuzima bwe mu kaga. Ibi rwose mubicikeko kuko kwihuta ngo ujyereyo kare bishobora gutuma ahubwo urugendo rwawe rurangirira aho kuri iyi si”. Yasabye abamotari kubicikaho kandi bakareka kunywa inzoga mu gihe bari mu kazi, ahubwo asaba ko n’abazinywa bajya bazifata nyuma y’akazi kandi nabwo mu rugero.




Umuyobozi w’Akarere ka Kamonyi Dr. Nahayo Sylvere yashimiye abamotari ku bw’umusanzu wabo mu kubaka igihugu kubera akazi bakora. Yongeraho ko akazi bakora gatunze ubuzima bwa benshi kandi kinjiriza igihugu. Bityo yabasabye gukunda umurimo ariko bakawukora bubahiriza amategeko.








# RUNDA: HATASHYWE UMUHANDA WA KABURIMBO WUBATSWE N'ABATURAGE










Mu Mudugudu wa Rubumba Akagari ka Ruyenzi, ku cyumweru tariki 31 Kanama 2025 hatashywe umuhanda wa kaburimbo wubatswe n'abaturage batuye mu Isibo y'Ubumwe ureshya na 615m ni umuhanda wuzuye utwaye Miliyoni 76 z'amafaranga y'u Rwanda.

Ni umuhango witabiriwe n'Umuyobozi w'akarere ka Kamonyi Dr. Nahayo Slyvere yari kumwe n'Umuyobozi wa Police mu Karere SSP FURAHA Fulgence bakaba bakiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Runda bwana Ndayisaba Jean Pierre Egide.

Umuhango waranzwe n'ibirori byo kwishimira ibyagezweho, gutaha umuhanda, impanuro zitandukanye z'abayobozi mu gushimira abaturage ubumwe n'umurava bafite mu kwishakamo ibisubizo.

Hashimiwe kandi abaturage bagize uruhare rukomeye mu iyubakwa ry'uyu muhanda bahabwa imidari y'ishimwe ndetse n'icyemezo cy'ishimwe cyahawe ubuyobozi bw'Akarere kubera inkunga bwateye abaturage muri iki gikorwa.
Ibirori byasojwe n'ubusabane hashimirwa buri wese uruhare rwe kugirango uyu muhanda ukorwe

# POLISI IRASABA ABATURAGE GUKOMEZA UBUFATANYE MU GUKUMIRA IBYAHA

Mu nama n'abaturage mu Mudugudu wa Nombe Akagari ka Nyagishubi mu Murenge wa Mugina, Senior Supertendant Fulgence FURAHA Umuyobozi wa Polisi mu Karere ka Kamonyi, yibukije abaturage ko bafite uruhare rukomeye mu gucunga umutekano no gukumira ibyaha.

Ibi yabitangaje ku mugoroba wo kuri uyu wa kabiri, mu nama ahabereye mu minsi ishize ubwicanyi bwahitanye umusore witwa Habinshuti Olivier, w'imyaka 24, yatewe icyuma mu mutima n'abantu bane bazwi, Habinshuti akaba yaraguye mu Mudugudu wa Nombe, Akagari ka Nyagushubi, Umurenge wa Nyarubaka, mu ijoro ryo ku wa Gatandatu, tariki 16 Kanama 2025.









Ashingiye kuri ubu bwicanyi bwabaye, Umuyobozi wa Polisi mu Karere yibukije ko nta muntu n'umwe ufite uburenganzira bwo kuvutsa mugenzi we ubuzima bityo ko iki cyaha cyakozwe abo kizahama bagomba kubiryozwa nkuko amategeko abiteganya. Yasabye abaturage kurangwa n'ingeso nziza, bakirinda amakimbirane ndetse n'inzangano kuko akenshi arizo nkomoko z'ibi byaha bitwara ubuzima bw'abantu hato na hato.  Ku ruhande rw'Akarere, Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yasabye abaturage kubana mu mahoro kuko nibyo bizatuma bagera ku iterambere n'ubuzima buzira umuze. Yongeyeho ko ubufatanye mu gukumira ibyaha hibandwa mu gukora irondo kandi mu buryo bunoze aribyo bizafasha gutahura byoroshye abanyabyaha ndetse no gukumira ibyaha bitaraba.

## AKARERE NA RAB BAKOZE UBUGENZUZI KU BIKORWA BYO KWEGEREZA ABAHINZI INYONGERAMUSARURO

Uyu munsi itsinda riyobowe n'umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuhinzi n'Ubworozi RAB Sitasiyo ya Muhanga, rigizwe n'umukozi w'Akarere ka Kamonyi ushinzwe ubuhinzi mu Karere, Umukozi wa APTC (Agro Processing Trust Corporation – Improving ) aricyo kigo gifite mu nshingano ibirebana no gukwirakwiza inyongeramusaruro kizigeza ku bahinzi; ryasuye abacuruzi b'inyongeramusaruro mu Mirenge ya Rugalika na Runda harebwa uko abahinzi begerejwe inyongeramusaruro (imbuto n'ifumbire zunganire na Leta).

Abagize itsinda basanze inyongeramusaruro zihari mu maduka ya Tubura ndetse no mu maduka y'abacuruzi bikorera ku giti cyabo abatari barangura basanze bafite abahinzi benshi babiyandikishijeho batumiza inyongeramusaruro kandi biteguye kurangura mu ntangiriro z'ukwezi kwa Nzeri 2025.

Twababwira ko iki gikorwa cy'ubugenzuzi kizakomeza no mu yindi Mirenge igize Akarere ka Kamonyi hagamijwe kureba imyiteguro y'igihembwe cy'ihinga kugira ngo abahinzi batazatinda kubona inyongeramusaruro bityo bikadindiza ibikorwa byabo.







# HABAYE INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU ITERAMBERE RY'UBUREZI

Ku Karere habereye inama nyunguranabitekerezo ku iterambere ry'uburezi hagamijwe gufatira hamwe ingamba zo kuzamura ireme ry'uburezi. Ibiganiro biyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee.




Yatumiwemo abakozi mu ishami ry'uburezi ku karere, ba Nyir'Ibigo by'Amashuri Byigenga n'Amashuri afatanya na Leta ku bw'amasezerano. Muri ibi biganiro hagagragajwe ishusho y'uburezi mu Karere uko buhagaze mu myaka 3 ishize, hibanzwe ku kugaragaza uko abana bagenda bata ishuri ndetse n'ingamba zihari zo kubagarura.



Umuyobozi w'Ishami ry'uburezi mu Karere yagaragaje kandi imitsinda y'abanyeshuri mu bizamini bya Leta bisoza amashuri abanza ndetse n'amashuri y'icyiciro rusange (O Level). Muri rusange mu mashuri abanza byagaragaye abana batsinze neza mu mashuri yigenga mu bizamini bya Leta, ariko mu cyiciro rusange, amashuri ya Leta n'afashwa na Leta nibo bafite ijanisha riri hejuru ry'abana batsinze neza ugereranyije n'ayigenga.



Abitabiriye biyemeje gukomeza gushyira imbaraga mu kubaganya umubare w'abana bata ishuri, gukora ibishoboka byose ubucucike mu mashuri bukagabanuka kuko nabwo bufatwa nk'inzitizi mu ireme ry'uburezi.



# INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YEMEJE IMISHINGA ITEGANYIJWE KUZAKORWA MU MYAKA 5 IRI IMBERE (2024-2029)



Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi iyobowe na Perezida wayo bwana Nyoni Emilien Lambert, ku gicamunsi cyo kuwa 25 Kanama 2025 bemeje imishinga ikubiye mu cyerekezo kigari cy'imyaka 5 (District Development Strategic plan), iyi mishanga ikaba ikubiye mu ngeri zitandukanye.



Nkuko byatangajwe n'Umunyamabanga Nshngwabikorwa w'Akarere bwana Bushayija Fred ari nawe wagaragarije Inama Njyanama ibiteganyiwe kuzakorwa n'ingengo y'imari byazatwara, ibi bikorwa birimo ibyo kwita no gufata neza ibikorwaremezo, ubwikorezi, guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi, kwita ku mibereho myiza y'abaturage, ihangwa ry'imirimo mishya, guteza imbere imiyoborere myiza no gukorera mu mucyo.

Hazibandwa kandi ku kwita ku buzima, isuku n'isukura, gufasha abatishoboye, guteza imbere siporo, imikino n'imyidagaduro muri rusange. Uretse kuganira no kwemeza DDS, mu nama kandi hagarutswe ku kwemeza umushinga ufitiye inyungu rusange abaturage n'amafaranga y'ingurane azishyurwa abaturage babariwe. Inama yitabiriwe n'Abagize komite Nyobozi y'Akarere n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere.



# NYARUBAKA-RUGANDO HASHOREJWE KU RWEGO RW'AKARERE GAHUNDA Y'INTORE MU BIRUHUKO

Tariki 29 Kanama 2025, ku Kibuga cya Rugando mu Murenge wa Nyarubaka , habereye umuhango wo gusoza ibikorwa by'intore mu biruhuko, iyi gahunda ikaba yari imaze ukwezi n'igice mu rwego rwo kwita ku rubyiruko mu gihe cy'ibiruhuko hagamijwe kubatoza uburezi n'uburere buboneye. Gusoza ku rwego rw'Akarere, byitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Mme Uwiringira Marie Josee ari kumwe na Supt. Uwanyirigira Marie Gorette hamwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge.





Hashimiwe urubyiruko rw'itabiriye kuri Site zitandukanye mu Karere, bibutswa kuzitabira itangira ry'amashuri no kwirinda ibiyobyabwenge n'izindi ngeso mbi. I Nyarubaka hashimiwe amakipe y'Utugari twahuye ku mupira w'amaguru (Utugari twa Nyagishubi na Ruyanza) hamwe n'urubyiruko rwagaragaje impano bafite.







# INZEGO ZAHUYE MU NAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU GUKUMIRA ABANA BATA ISHURI

Kuwa wa 19 Kanama 2025 mu cyumba cy'inama Chris Hotel ihererereye mu Murenge wa Runda habereye inama nyunguranabitekerezo ku mushinga “zero out of school” uterwa inkunga na “Save The Children”, hagamijwe gufata ingamba zo gukumira abana bata ishuri. Ni gahunda izafasha kuzamura ireme ry’uburezi ndetse no guhashya ubuzererezi mu rubyiruko, ibi bikazatuma igihugu kigira urubyiruko rufite ubumenyi n’ubushobozi bwo kwibeshaho kandi rufite imyitwarire mizima kuko ruzaba rwaranyuze mu ishuri.



Inama yayobowe n'umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho myiza Madame UWIRINGIRA Marie Josée iyi nama yitabiriwe n'uhagarariye save the Children "Education Specialist" Madamu KABARUNGI Noella, Umuyobozi wa ‘Zero out of School Project” mu Ntara y'Amajyepfo Bwana Akili Jean Claude, abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abakozi bo mu ishami ry'uburezi mu Karere, uhagarariye urubyiruko rw'abakorerabushake ku Karere, Uhagarariye inama y’Igihugu y’abagore mu Karere, uhagarariye Inama y’Igihugu y’Urubyiruko mu Karere, uhagarariye urugaga rw'Imiryango ishingiye ku myemerere mu Karere, Abashinzwe uburezi mu Mirenge, abayobozi b'amashuri bahagarariye abandi mu Mirenge.



# UMURENGE WA GACURABWENGE WAHIZE IYINDI MU MIHIGO Y'AKARERE Y'UMWAKA USHIZE WA 2024-2025

Nkuko byatangajwe n'ubuyobozi bw'Akarere mu nkera y'Imihigo yateranye ku mugoroba wo kuwa mbere tariki 18 kanama 2025, Umurenge wa Gacurabwenge niwo wabaye indashyikirwa mu ishyirwamubikorwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka turangije. Nkuko Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yabitangaje, ngo iri suzuma rikorwa hagamijwe kumenya uko Akarere gahagaze ndetse no kwisuzuma mu nkingo zose z'ubuzima bugize imihigo. Yasobanuye ko hamwe n'itsinda bafatanyije gukora isuzuma basanze uyu Murenge waritwaye neza mu mihigo yose kandi no muri gahunda zihariye haba kugaruza inguzanyo zatanzwe muri gahunda ya VUP, gushishikariza abaturage kwitabira gahunda ya Byikorere, kwitabira ubwisungane mu kwivuza na gahunda ya Ejo Heza.
u mwaka wa 2025/2026 imbere y'umuyobozi w'Akarere.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'uyu Murenge Mme Umugiraneza Marthe, avuga ko ibanga nta rindi ari ugukurikirana umunsi ku wundi iyi mihigo, kugira abakozi bashoboye kandi bazi neza icyo buri wese ashaka bityo ugahora ukurikirana ko nta gikorwa cyasubira inyuma.
Muri rusange iyi gahunda yaranzwe n'igikorwa cyo kumurika uko Imirenge, Utugari n'Imidugudu byarushanyijwe mu kwesa imihigo y'umwaka ushize, hagaragajwe imihigo y'uyu mwaka, hatanzwe ibihembo ku nzego zabaye indashyikirwa n'ibyemezo by'ishimwe ku bafatanyabikorwa bagize uruhare mu gushyira mu ngiro imihigo y'Akarere. Abayobozi b'Imirenge basinye imihigo y'uyu mwaka





# NYAMIYAGA: ABAGERA KURI 300 BAHAWE AMAHUGURWA KU KWIHANGIRA IMIRIMO




Ku bufatanye bw'Akarere n'Umuryango SOS Village d'Enfants, kuwa gatatu tariki 13 Kanama mu Murenge wa Nyamiyaga urubyiruko rugera kuri 300 rwahawe amahugurwa agamije kubashishikariza kwihangira imirimo bagakura amaboko mu mifuka bagakora.

Basabwe kwibumbira mu makoperative no gukorana n'ibigo by'imari bityo bakabyaza umusaruro amahirwe ahari.
Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinizwe iterambere ry'ubukungu bwana Niyongira Uzziel yitabiriye aya mahugurwa akaba yarasabye uru rubyiruko kumva ko iterambere ritagomba kwizana ko ahubwo bafite inshingano zo kuriharanira abasaba rero gukura amaboko mu mufuka bagakora.

Ibiganiro byitabiriwe kandi n'abacungamutunga ba SACCO Nyamiyaga ndetse CLECAM EJO HEZA Ishami rya Nyamiyaga na Mugina nabo bashishikarije uru rubyiruko kubagana bityo bagahabwa inguzanyo bitewe n'imishinga ihari cyangwa se bagahuzwa n'amahirwe ahari. Umuryango SOS Rwanda wari uhagarariwe na Mme Mukeshimana Marie Louise umukozi muri uyu muryango ufite mu nshingano amahugurwa no kwigisha.



# INZEGO ZIFITE AHO ZIHURIRA N'UBUHINZI N'UBWOROZI, ZAHURIYE MU NAMA ITEGURA IGIHEMBWE CY'IHINGA 2026A





Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel yayoboye inama yaberere i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge yo gutegura igihembwe cya mbere cy'ihinga cya 2026 ( Season 2026A).

Ibiganiro byitabiriwe n'Umuyobozi wa RAB Station ya Muhanga, Umuhuzabikorwa wa SPIU/ RAB muri Kamonyi na Muhanga, agronome, abakozi bashinzwe amashyamba n'abashinzwe ubworozi mu Mirenge, ibigo by'ubwishingizi bw'amatungo ndetse n'imyaka, abacuruzi b'inyongeramusaruro, abashinzwe iterambere mu Tugari.

Barebeye hamwe kandi ingamba zizafasha mu kwesa imihigo y'ubuhinzi n'ubworozi na gahunda zigamije kongera umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi.

Abitabiriye banasuzumiye hamwe ibirebana no gufata ubwishingizi bw'imyaka n'amatungo biyemeze gukomeza ubukangurambaga kugira ingo imyaka n'amatungo byishingirwa, bene ayo matungo n'imyaka bagire umuhate wo kugana ubwishingizi bwazabagoboka igihe habaye ikibazo.





# RIB NA RMB BAKOZE UBUKANGURAMBAGA KU GUKUMIRA IBYAHA BIHUNGABANYA IBIDUKIKIJE








Kuva tariki 06-08 Kanama 2025, Mu Mirenge ya Kayenzi, Ngamba na Rukoma, habereye ubukangurambaga ku gukumira ibyaha bihungabanya ibidukikije n'ibindi byaha by'inzaduka. Ni gahunda yatangirijwe mu Kagari ka Kirwa Umurenge wa Kayenzi isorezwa mu Kagari ka Mwirute mu Murenge wa Rukoma.

Mu Kagari ka ka Kazirabonde Umurenge wa Ngamba niho habereye kuwa kane ubu bukangurambaga ku gukumira ibyaha bihungabanya ibidukikije n'ibindi byaha by'inzaduka.
Gahunda yateguwe na RIB hamwe n'ikigo Gishinzwe Mine na Peteroli mu Rwanda-RMB. Igikorwa cyitabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice ari kumwe n'abakuriye inzego z'umutekano ku Ntara aribo Generali Majoro Gatama Vicent hamwe Umuyobozi w'Ingabo zikorera mu Ntara y'Amajyepfo na ACP Desire Twizere uyobora Polisi mu Ntara.

Hari kandi Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere hamwe na Visi Meya Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel.
Ubukangurambaga bwakozwe n'abakozi ba RIB aribo: bwana Gasirabo Felicien uhagarariye RIB ku Ntara afatanyije na Mwenedata Philbert umukozi wa RIB. RMB yari ihagarariwe na Eng. Bagirijabo Jean D'Amour umukozi muri RMB I Kigali. Abitabiriye biasabwe kwirinda ubucukuzi butemewe, abacukuzi b'amabuye y'agaciro basabwe kubikora kinyamwuga.





# MUGINA: GUVERINERI KAYITESI ALICE ARASABA ABATURAGE KWITABIRA UMULIMO

Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice, arasaba abaturage kurushaho kwitabira umurimo kuko aribyo bizatuma imibereho yabo n'imiryango yabo irushaho kugira ubuzima bwiza. Ibi yabitangarije mu Kagarari ka Kabugondo Umurenge wa Mugina kuri uyu wa kabiri tariki 05 Kanama 2025, mu nama yamuhuje n'abatuye mu Tugari twa Kabugondo ndetse na Jenda.



Yifashishije ingero zifatika uyu muyobozi w'Intara yerekanye ko aho umuntu yerekeje amaboko ye nta kabuza agera ku musaruro ufatika. Guverineri yagize ati" gutera imbere ntibisaba gutangirira ku bintu bya mirenge, ibyo mubyikuremo. Icya mbere ni ukugira igitekerezo. Nimuganira n'abantu muzi bateye imbere bazakubwira ko bahereye ku bintu bito ku bucuruzi buciriritse kandi uko niko kuri". Yakomeje agira ati: ushobora guhera ku korora ingurube imwe nyuma y'igihe runaka ukaba wa muntu ufite ubworozi bwagutse. Ushobora guhera ku kugura ziriya nkoko zitanga umusaruro z'imishwi ya 3000 ejo ejobundi ukaba rwose ufite inkoko nyinshi". Rero mutekereze kure kandi gutera imbere birashoboka kuko ino aha iwanyu hari ingero nyinshi z'ababikoze batera imbere cyane.



Muri uru ruzinduko ku Mugina Guverineri Kayitesi yari kumwe n'abagize inzego z'umutekano ku Ntara aribo Generali Majoro Gatama Vincent Umuyobozi w'Ingabo mu Ntara y'Amajyepfo na ACP Twizere Desire uyobora inzego z'Igipolisi mu Ntara y'Amajyepfo y'u Rwanda.



ACP Desire Twizere we yasabye abatuye Akagari ka Kabugondo gukomeza kurangwa n'imyitwarire myiza; bagafatanya n'inzego z'umutekano gukumira ibyaha bitaraba, kuko umutekano ariwo shingiro ry'iterambere. Bityo yasabye abaturage



# RUGALIKA: HATASHYWE ISHURI RY'ICUKE RIZAFASHA MU BUREZI N'UBURERE BW'ABANA BATO

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushizwe Imibereho Myiza Madamu Uwiringira Marie Josee ari kumwe n'abakozi b'Akarere bo mu ishami ry'uburezi, Ubuyobozi bw'Umurenge wa Rugalika, Abahagarariye EPR bayobowe n'umuyobozi Wungirije wa Presybitery ya Remera -Rukoma bwana ReV. DUSABUMUREMYI Donatien n'abahagarariye FORAFRIKA bayobowe n'umuyobozi uyikuriye ku rwego rw'Igihugu (Country Director) Bwana Ronnie MURUNGU, bakiriye ku mugaragaro ishuri ry'abana bato rya Karama (Karama ECD Model ) yubatse mu Mudugudu wa Karama, Akagali ka Bihembe, Umurenge wa Rugalika igizwe n'ibyumba by'amashuri 5, Igikoni, Ubwiherero 5, ibiro by'umuyobozi n'icyumba cy'abana cyo kuruhukiramo hamwe n'ikibuga abana bakiniramo (Kids Playground) cyubatswe n'umufatanyabikorwa FORAFRIKA ku butaka bwa EPR Paroisse ya Karama. Umuyobozi w'Akarere Wungirije akaba yashimiye Umufatanyabikorwa FORAFRIKA na EPR uruhare bagize mu iyubakwa ry'iri shuri anatanga ubutumwa ku babyeyi baharerera bubibutsa kuzana abana ku ishuri hakiri kare kugirango babashe kubona uburezi bw'ibanze.







# UMUGANURA 2025: MU MIRENGE BIZIHIJE UMUNSI MUKURU NGARUKAMWAKA











Hirya no hino mu Midugudu igize Akarere habereye ibirori byo kwizihiza umunsi mukuru w'Umuganura. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti: Umuganura, isoko y'ubumwe n'ishingiro ryo Kwigira. Muri rusanga umunsi waranzwe kwishimira ibyagezweho ndetse no gutaha ibikorwa by'iterambere, habayeho gusangira umusaruro wabonetse, hari n'imiryango y'abatishoboye yorojwe inka muri gahunda ya Girinka munyarwanda, abana kandi bagaburiwe indyo yuzuye ndetse habaho ubusabane bwa Kinyarwanda.

Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'abayobozi b'Inzego z'Umutekano (Umuyobozi wa Polisi mu Karere, Ukuriye Urwego rw'Iperereza mu Karere, umuhuzabikorwa wa DASSO hamwe n'uhagarariye RIB w'umusigire ku rwego rw'Akarere), bifatanyije n'abatuye Umudugudu wa Ntasi mu Kagari ka Nteko Umurenge wa Mugina.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel ari kumwe n'Umuyobozi w'Inkeragutabara Lt. Col. MUGISHA Elphaz bifatanyije n'abaturage bo mu Kagari ka Ruyanza Umurenge wa Nyarubaka.

# UBUYOBOZI BWASANGIYE UMUGANURA N'ABAKECURU B'INTWAZA



Ku bufatanye n'Urugaga rw'Abikorera mu Karere, i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge habereye ibirori by'Umuganura byatumiwemo intwaza zo mu karere ka Kamonyi mu rwego rwo kwishimana n'aba babyeyi mu birori by'umuco wacu no gukomeza ubumwe n'ubudaheranwa.Iyi gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'abayobozi b'Akarere Bungirije.



Perezida wa PSF mu Karere ka Kamonyi bwana Munyankumburwa Jean Marie, Mme Kayitesi Immaculee, Perezida wa AVEGA ku rwego rw'Igihugu, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, abagize inzego za AVEGA, IBUKA, CNF n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge.
Iki gitaramo cy'umuganura cyabereye muri Guest House i Gihinga, cyabimburiwe no gushyikiriza umuryango w'umwe mu babyiwe inzu yubakiwe bigizweho uruhare na PSF mu Kagari ka Nkingo Umurenge wa Gacurabwenge.



**Faustin NTAKIRUTIMANA**
**"PR, Media & Communications"**